REPUBULIKA Y'U RWANDA

Ibiro bya Minisitiri w'Intebe

ITANGAZO RY'IBYEMEZO BY'INAMA Y'ABAMINISITIRI YO KU WA 27/10/2020

Ku wa Kabiri, tariki ya 27 Ukwakira 2020, Inama y'Abaminisitiri yateraniye muri Village Urugwiro iyobowe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul KAGAME.

1. Inama y'Abaminisitiri yemeje imyanzuro y'Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 12/10/2020.

2. Inama y'Abaminisitiri yongeye gusuzuma ingamba zafashwe zo gukumira ikwirakwira ry'Icyorezo cya COVID-19. **Yemeje ko ingamba zisanzweho zizakomeza gukurikizwa, harimo kuba ingendo zibujijwe guhera saa yine z'ijoro (10:00 PM) kugeza saa kumi za mu gitondo (4:00 am). Kuri izo ngamba hiyongereyeho izindi nshya n'izahinduwe ku buryo bukurikira, na zo zigomba guhita zishyirwa mu bikorwa.**

   - Ibikorwa by'Inzego za Leta n'iby'Abikorera bizakomeza, ariko buri rwego rurasabwa gukoresha abakozi batarenze mirongo itanu ku ijana (50%) by'abakozi bose, abandi bakozi bagakorera mu rugo, ariko bakagenda basimburana.
   - Insengero zemerewe gukomeza gukora kugeza ku gipimo cya 50% by'ubushobozi bwazo bwo kwakira abantu.
   - Imihango yo gushyingura ntigomba kurenza abantu 75.
   - Imihango yo gushyingirwa mu nsengero ntigomba kurenza abantu 75.
   - Abitabiriye kwiyakira mu bukwe ntibasabwa kubanza kwipimisha COVID-19 mu gihe batarenze 75.
   - Ibikorwa by'imikino y'amahirwe bizafungura mu byiciro, nyuma yo kubahiriza ingamba zo kwirinda COVID-19. Amabwiriza arambuye kuri iyi ngingo azatangwa na Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda.

   Izi ngamba zizongera kuvugururwa nyuma y'iminsi 15 hashingiwe ku isesengura ry'Inzego z'Ubuzima.

   Abaturage barongera kwibutswa ko ari ngombwa kubahiriza amabwiriza yo kwirinda COVID-19 harimo: gusiga intera hagati y'umuntu n'undi, kwambara agapfukamunwa no gukaraba intoki. Abatazabyubahiriza bazafatirwa ibihano.

3. Inama y'Abaminisitiri yemeje imishinga y'amategeko ikurikira:

   - Umushinga w'itegeko ryerekeye *data protection and privacy*;
   - Umushinga w'itegeko rigenga ubufatanye mu by'amategeko mu rwego mpanabyaha.

4. Inama y'Abaminisitiri yemeje gahunda yo guhugura abakozi mu gukoresha ikoranabuhanga.

Tel: (250) 0252585444
Email:info@primature.gov.rw
P.O Box: 1334 Kigali/Rwanda
Website: www.primature.gov.rw

5. Inama y'Abaminisitiri yemeje amateka akurikira:

   - Iteka rya Perezida rishyiraho Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Ingufu za Atomike;
   - Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena inshingano za Komite y'Igihugu ishinzwe Umutekano w'iby'Indege za Gisivili, abayigize n'imikorere yayo;
   - Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena inshingano za Komite ishinzwe Umutekano w'Ikibuga cy'Indege, abayigize n'imikorere yayo;
   - Iteka rya Minisitiri ryerekeye Komite y'Ubujurire mu by'Indege za Gisivili;
   - Iteka rya Minisitiri rigena amafaranga y'ingwate y'amagarama y'urukiko n'andi mafaranga atangwa mu manza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo iz'ubutegetsi n'iz'inshinjabyaha.

6. Inama y'Abaminisitiri yamenyeshejwe ko u Rwanda ruzitabira gahunda y'ubukangurambaga bugamije guteza imbere uburinganire binyujijwe mu bikorwa by'ikoranabuhanga na inovasiyo.

7. Inama y'Abaminisitiri yemeje ko **Madamu Sasirit Tangurlat** ahagararira Ubwami bwa Tayilande (Kingdom of Thailand) mu Rwanda, ku rwego rwa Ambasaderi, afite ikicaro i Nayirobi muri Kenya.

8. Inama y'Abaminisitiri yashyize mu myanya Abayobozi ku buryo bukurikira:

   - Madamu UWONKUNDA Claudette: Umujyanama wa Perezida w'Umutwe w'Abadepite;
   - Madamu BIDERI NTAGOZERA Rina: Umujyanama wa Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda;
   - Madamu WANYANA Denise: Umujyanama w'Umunyamabanga wa Leta wa Minisiteri y'Ubuzima ushinzwe Ubuvuzi bw'ibanze.

9. Mu bindi:

   - Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi yamenyesheje Inama y'Abaminisitiri ko ku itariki ya 29 Ukwakira 2020, u Rwanda ruzizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Ibiribwa.

   - Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango yamenyesheje Inama y'Abaminisitiri ko ku itariki ya 20 Ugushyingo 2020, u Rwanda ruzizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umwana, hanatangizwe Inama Nkuru y'Igihugu ya 14 y'Abana.

   - Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi yamenyesheje Inama y'Abaminisitiri ko kwizihiza umunsi w'abasora ku rwego rw'Igihugu biteganyijwe ku wa 20 Ugushyingo 2020.

Bikorewe i Kigali, ku wa 27 Ukwakira 2020.

Dr. Edouard Ngirente
Minisitiri w'Intebe

PRIME MINISTER
REPUBULIKA Y'U RWANDA

Tel: (250) 0252585444
Email:info@primature.gov.rw
P.O Box: 1334 Kigali/Rwanda
Website: www.primature.gov.rw